



CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA

Secrétariat Général

B.P. 357 Kigali / Rwanda

Tél. : (+250) 789 55 08 48

E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

**ITANGAZO RISOZA IMIRIMO Y'INTEKO RUSANGE Y'INAMA Y'178
Y'ABEPISKOPU GATOLIKA MU RWANDA YATERANIYE KU RUYENZI
KUVA KU ITARIKI YA 12 KUGEZA KU YA 15 GICURASI 2026**

Guhera tariki ya 12 kugera ku ya 15 Gicurasi 2026, Inteko Rusange y'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yateraniye kuri Centre Pastoral y'Abepiskopi ku Ruyenzi. Imirimo y'Inteko rusange y'178 yayobowe na Nyiricyubahiro Antoni Karidinali KAMBANDA, Arikiyepiskopi wa Kigali akaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda. Inama yabimburiwe n'isengesho saa yine za mu gitondo.

Umuhango wo gutangiza imirimo y'iyi Nteko Rusange witabiriwe na Musenyeri Daniel TUMIEL, Umunyamabanga mu Biro by'Intumwa ya Papa mu Rwanda.

Mu ijambo ryo gutangiza imirimo y'Inteko Rusange, Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yashimiye Musenyeri Daniel kuba yitabiriye imihango yo gutangiza inama. Yashimiye kandi Abepiskopi abifuriza imirimo myiza. Yabasabye kandi gukomera muri ibi bihe hakiri kiliziya nyinshi za paruwasi, iza santarali na sikirisali zigifunze. Abepiskopi bababajwe kandi n'uko hari abasaserdoti bagiye bafungwa kubera icyo kibazo. Yababwiye kandi ko muri ibi bihe hagaragara ubugomeramana n'ibikorwa bishyira mu rujijo abayoboze b'Imana, abasaba kuba hafi y'abakristu no kubakomeza mu kwemera. Abepiskopi bihanganishije Musenyeri Papiyasi MUSENGAMANA hamwe n'umuryango w'abakristu ba Diyosezi ya Byumba, mu byago byo gupfusha Padiri Donat BAGIRUBWIRA na Furere Julien NIMUSABIMANIZATWUMVA.

Mu ijambo rye, Umunyamabanga mu Biro by'Intumwa ya Papa mu Rwanda yagejeje ku Bepiskopi amakuru yo ku kicaro gikuru cya Kiliziya, anababwira imikorere mishya y'Ikigega cya Papa gishyigikira imishinga itandukanye y'iterambere rya muntu.

Umuyobozi w'Inteko Rusange y'Abepiskopi mu Rwanda yamurikiye bagenzi be gahunda yose uko yakabaye, bityo bafatanyaga kuyemeza bamaze kuyikorera ubugororangingo. Hakurikiyeho gusangira amakuru y'iby'ingenzi byaranze ubutumwa muri buri Diyosezi hagati ya Werurwe na Gicurasi 2026. Inteko rusange yasuzumye ibindi byari ku murongo w'ibyigwa ingingo ku yindi:

1. Ikenurabushyo muri iki gihe

Abepiskopi basuzumiye hamwe uko ikenurabushyo rikorwa muri iki gihe n'ibibazo rigenda rihura na byo. Abepiskopi bababajwe ni uko hariho abakristu bagwa mu buyobe bw'abavuga ko babonekerwa (Abatowe). Hari n'abiyambika umwambaro usa n'uw'Abepiskopi n'abasaserdoti mu buryo butera urujijo mu babareba. Abepiskopi basabye ababikora kubihagarika no kujya mu murongo wa Kiliziya. Abepiskopi barasaba abakristu bose kuba maso no gushishoza ngo batagwa mu buhakanyi, rimwe na rimwe buza mu mayeri (reba ubutumwa bwa Nyina wa Jambo i Kibeho).

2. Sinodi ku kugendera hamwe

Abepiskopi bemeje ko urugendo rwa sinodi rukomeza kandi rukagera mu bagize umuryango w'Imana bose guhera ku Bepiskopi ubwabo kugera ku byiciro byose by'abakristu.

3. Imyiteguro y'Inama mpuzamahanga ya Signis World

Abepiskopi barebeye hamwe aho imyiteguro y'Inama mpuzamahanga ya Signis world iteganyijwe kubera i Kigali, kuva ku itariki ya 3 kugera ku ya 8 Kanama 2026 igeze. Hari umubare munini w'abamaze kwiandikisha bazaturuka hirya no hino ku isi. Ibigo by'ubucuruzi bya Kiliziya n'abandi baterankunga bakomeje kwegerwa kugirango bashobore kunganira komite ishinze gutegura iyo nama kandi bashobore kwamamaza ibikorwa byabo. Umunyamabanga wa Signis ku rwego rwa Afrika, Padiri Walter IHEJIRIKA, yaje mu Rwanda na we ashima uburyo imyiteguro igenda neza. Abepiskopi barasaba ibitangazamakuru gatolika byo mu Rwanda kuzungukira ubumenyi kuri iyo nama no kuboneraho bakamenyekanisha ubutumwa bw'amabonekerwa ya Kibeho.

4. Komisiyo y'ikenurabushyo rusange n'Iyogezabutumwa rivuguruye

Abepiskopi barebeye hamwe ibyavuye mu nama ya Komisiyo y'Ikenurabushyo Rusange n'Iyogezabutumwa Rivuguruye iherutse kuba. Basanze mu madiyosezi atandukanye hari ibikorwa by'akajagari byaganisha ku buyobe.

Abepiskopi bashishikarije abashinzwe ubutumwa mu maparuwasi kunoza imihango yo guherekeza gikristu abitabye Imana no guha umurongo amagambo n'ubuhamya bihavugirwa. Abepiskopi bemeje ko hashyirwa imbaraga mu gusobanurira abakristu ibijyanye n'ikoreshwa ry'amazi y'umugisha n'isengesho ryo gusabira abarwayi.

5. Imishinga y'ibikorwa ku kicaro cya CEPR

Abepiskopi bongeye gusuzumira hamwe ibyakorerwa ahasanzwe ikicaro cy'Inama yabo i Kigali. Bemeje ko bagiye gutangira itunganywa ry'ikibanza mu gihe hakinozwa umushinga uzakorerwa.



6. Gutegura abasaserdoti mu maseminari makuru

Abepiskopi barebeye hamwe uko uburere n'inyigisho mu maseminari bihagaze muri iki gihe n'ingorane abarezi n'abarerwa bagenda bahura na zo. Bagarutse ku bakirwa mu maseminari n'ibyo bagomba kuba bujuje. Basanze ari ngombwa gukorana n'inzego zitegura imihamagaro uhereye mu muryango. Bemeje ko indongozi (directoire) yashyizweho n'Abepiskopi yatangira gukoreshwa. Bemeje ko gahunda y'amasomo muri Seminari Nkuru ya Rutongo yatangira uyu mwaka mu kwezi kwa cyenda, bagahera ku kwiga indimi.

7. Amategeko ngengamikorere mashya ya Librairie Caritas

Mu rwego rwo gufasha Librairie Caritas gutunganya imikorere yayo, Abepiskopi basuzumye amategeko ayigenga, bareba n'uburyo yahuzwa n'igihe tugezemo, ikanuzuzwa ibindi bijyanye na sosiyete y'ubucuruzi. Bemeje ko amategeko yanozwa akabona kwemezwa.

8. Kwiga no kwigisha tewolojiya

Abepiskopi barebeye hamwe uburyo kwihugura muri tewolojiya bikenewe mu bakora ubutumwa muri Kiliziya, bashimangira ko ari byiza kuyiga no kuyikoramo ubushakashatsi. Basanze hari ubushakashatsi bwakozwe na Myr Aloys BIGIRUMWAMI, Myr Alexis KAGAME no ku butumwa bwa Kibeho. Hari n'ibyakozwe mu rwego rwo guhuza ukwemera n'umuco, haracyari ibikenewe gukorwa cyane cyane mu ikenurabushyoye ry'ubumwe n'ubwiyunge. Abepiskopi basanze ibyo byose bishobora gukorwaho ubushakashatsi bwimbitse ku rwego rwa kaminuza, mu ishami rya tewolojiya ririmo gutangira muri Arkidiyosezi ya Kigali. Abepiskopi barashishikariza abakristu bose kurigana no kurushaho kujijukirwa n'ukwemera.

9. Ubutumwa bwo kugeza Bibiliya Ntagatifu ku bakristu

Mu rwego rwo gufasha abakristu kubona Bibiliya Ntagatifu, Abepiskopi baributsa ko ntawundi wemerewe kuyicapisha adafite uruhushya rwanditse rw'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda.

10. Imikoranire ya komisiyo na serivisi z'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

Abepiskopi barebeye hamwe uburyo komisiyo na serivisi zikorana, bongera gushishikariza abagize komisiyo, amashami yazo na serivisi kurushaho kunoza imikoranire. Bemeje ko hazabaho inama yahuza Komisiyo y'Umuryango no Kurengera Ubuzima, Komisiyo y'Abalayiki, Imiryango ya Agisiyo Gatolika n'Imiryango Mishya, CARITAS na SNAF kugirango bungurane ibitekerezo, batange n'imirongo y'ibyo bafatanyamo byafasha imigendekere myiza y'ubutumwa bwa gikristu bushyigikira ubusugire bw'ingo. Iyo nama izatumirwa kandi iyoborwe na Komisiyo y'Umuryango no kurengera ubuzima.

9

10

11. Gahunda yo kwagura ibikorwa by'Ingoro ya Bikira Mariya i Kibeho

Abepiskopi bongeye gushimangira ubushake bwabo bwo kubaka ingoro nini y'Ihuriro ry'abatatanye yasabwe na Bikira Mariya mu mabonekerwa i Kibeho no gukomeza gushaka ubushobozi bwo kubona aho bagurira ibikorwa by'ingoro. Bongeye kwemeza ko Kiliziya ari yo ifite ubutumwa bw'ibanze bwo gusobanura iby'amabonekerwa no kuyobora ishyirwa mu bikorwa ry'ubwo butumwa.

12. Abashinzwe ubutumwa muri komisiyo, serivisi n'amaseminari makuru

Abepiskopi bafashe umwanya, basuzumira hamwe ibyagezweho mu mavugururwa ya komisiyo, amashami ya komisiyo na serivisi, bemeza ko ayo mavugururwa atangira kujya mu bikorwa. Banarebeye hamwe kandi igihe giteganyijwe ku bashinzwe ubutumwa n'imirimo mu nzego zitandukanye z'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda, bateganya abashinzwe ubutumwa aho bakenewe.

Imirimo y'Inteko Rusange isanzwe ya nyuma y'umwaka w'ikenurabushyoye 2025/2026 yasojwe n'isengesho, ku wa gatanu tariki ya 15 Gicurasi 2026, saa saba z'amanywa, Abepiskopi basezeranaho bifurizanya imyiteguro myiza y'iminsi mikuru yegereje ya Asensiyo na Pentekosti.

Bikorewe ku Ruyenzi, ku wa 15 Gicurasi 2026

Padiri Védaste Kayisabe

Umunyamabanga Mukuru w'Inama
y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda



✠ **Antoni Karidinali KAMBANDA**

Arkiyepiskopi wa Kigali akaba na Perezida
w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

